- Kopi y'indangamuntu ya nyir' ubucuruzi cyangwa y' umwe mu banyamigabane;
- Icyemezo cy' iyandikishwa ry' ubucuruzi gitangwa na RDB (full registration) mu gihe ubucuruzi bwandikiwe muri RDB,
- Inyandiko ihamya ko witeguye kwakira EBM no kuyikoresha neza, yujujwe neza iriho umukono ndetse na kashe ya nyiri sosiyete cyangwa umwe mu banyamigabane cyangwa nyir'ubucuruzi iyo ari umuntu ku giti cye, iboneka ku rubuga rukurikira: https://ebm2.rra.gov.rw/api/ConfirmForm

➢ Intambwe ya gatanu: kanda kuri "Send" kugirango wohereze ibyo umaze kuzuza

➢ Intambwe ya gatandatu: Umukozi w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro asuzuma kandi akemeza ubusabe bwawe, akanabikumenyesha vuba. Iyo utinze kubona igisubizo wasaba ubufasha ukoresheje imeli ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw

3.4. Ni gute washyira Porogaramu ya EBM muri mudasobwa/Tablet /POS/PDA?

➢ Intambwe ya mbere: Injira ku rubuga rukurikira: https://myrra.rra.gov.rw koresha numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login",

➢ Intambwe ya kabiri: kanda kuri iyi shusho hanyuma ujye ahanditse "Device management", hanyuma ukande ahanditse "Registration". Harafunguka akadirishya gashya. Uzuzamo Serial number na Model Name . Kuri EBM Client Software hitamo EBM2.1 Client[Windows] mu gihe ukoresha windows Operating System, hitamo EBM2.1 Client[Tablets] mu gihe ukoresha Tablets cyangwa uhitemo EBM2.1 Client[PDA] mu gihe ukoresha PDA. Kanda ahanditse "Registration".

➢ Intambwe ya gatatu: kanda ahanditse download, porogaramu ya EBM urayisanga muri mudasobwa/ Tablet /POS/PDA yawe ahajya ibyavuye kuri murandasi (downloads).

➢ Intambwe ya kane: kanda kuri iyo porogaramu ya EBM, ugakanda nanone ahanditse Install hanyuma ugategereza gato, nyuma ukande kuri Open.

➢ Intambwe ya gatanu: uzuzamo TIN, izina ry'ishami ry'ubucuruzi (Branch Name) andikamo 00, uzuza ahagenewe "serial number" ya Tablet /POS/PDA yawe ukande ahanditse Initialize.

Kubakoresha windows: uzuzamo TIN, izina ry'ishami ry'ubucuruzi (Branch Name) andikamo 00, uzuza ahagenewe "serial number" ya mudasobwa yawe, hanyuma ukande ahanditse Confirm. Ku kadirishya gashyashya gafungutse, ongera wandikemo TIN, izina ry'ishami ry'ubucuruzi (Branch Name) andikamo 00, uzuza ahagenewe "serial number" ya mudasobwa yawe ukande ahanditse Initialize.

Porogaramu ya EBM izaba igeze muri mudasobwa/Tablet /POS/PDA yawe.

3.5 Ni gute wamenya gukoresha Porogaramu ya EBM ikoreshwa muri mudasobwa/Tablet /POS/PDA

✓ Ushobora kwitabira amahugurwa ategurwa akanatangwa na RRA mu buryo bw'imbonankubone cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga/ iyakure(online) mu gihe wohereje ubusabe bwawe kuri imeri ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw

✓ Ushobora kandi gukurikira inyigisho ku mbuga nkoranyambaga (YouTube) z'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ukandikamo ijambo "DUHUGURANE".

4. Uburyo buhuza porogaramu ya EBM na porogaramu z'abasora zemejwe n'Ubuyobozi bw' Ikigo cy' Imisoro n' Amahoro (Online SDC)

4.1 Ugomba kuba:

➢ Kuba usanganywe porogaramu yawe itanga inyemezabuguzi ishobora guhuzwa na porogaramu ya EBM;

➢ Kuba porogaramu yawe ikoreshwa mu gutanga inyemezabuguzi ikorera kuri murandasi gusa (online);

4.2 Ni gute wasaba kwemeza porogaramu usanzwe ukoresha mu gutanga inyemezabuguzi

- Sura urubuga rwa RRA arirwo: www.rra.gov.rw unyure ahanditse Domestic services, ukande ahanditse Electronic billing Machine, hanyuma urebe OSDC API technical specifications mu rwego rwo kureba ibyo porogaramu yawe igomba kuba yujuje kugirango yemerwe guhuzwa na EBM.

➢ Gusaba kwemeza porogaramu usanzwe ukoresha mu gutanga inyemezabuguzi binyuzwa kuri imeli ikurikira: cis_sdc_certification@rra.gov.rw, ugashyiraho ibyangombwa bikurikira:

- Kopi y'indangamuntu ya nyir' ubucuruzi cyangwa y' umwe mu banyamigabane;
- Icyemezo cy' iyandikishwa ry' ubucuruzi gitangwa na RDB (full registration) mu gihe ubucuruzi bwandikiwe muri RDB,
- Inyandiko ihamya ko witeguye kwakira EBM no kuyikoresha neza, yujujwe neza iriho umukono ndetse na kashe ya nyiri sosiyete cyangwa umwe mu banyamigabane cyangwa nyir'ubucuruzi iyo ari umuntu ku giti cye, iboneka ku rubuga rukurikira: https://ebm2.rra.gov.rw/api/ConfirmForm
- Inyandiko igaragaza uko porogaramu yawe usanzwe ukoresha ikora (software documentation)
- Amasezerano agaragaza urwego rw'ubwunganizi/ubufasha hagati y'abagurisha porogaramu y'ikoranabuhanga n'abayikoresha
- Amasezerano agaragaza urwego rw'ubwunganizi/ubufasha hagati y'abagurisha porogaramu y'ikoranabuhanga na RRA
- Inyandiko igaragaza ko ibisabwa mu ikoranabuhanga ryo guhuza porogaramu zombi byamaze kugeragezwa (Test cases documents)
- Umukozi wa RRA agufasha mu nzira yose mu kuzuza ibisabwa;
  - Ubuyobozi bwa RRA busuzuma inyandiko zose z'ubusabe zoherejwe mbere yo kuzemeza
  - Ubuyobozi bwa RRA busuzuma ko ibisabwa byose birebana na tekinike za porogaramu ko byuzuye mbere yo kwemeza ko porogaramu zihuzwa
  - Nyuma yo guhuza porogaramu zombi, RRA itanga icyemezo gihamya ko porogaramu yawe yahujwe na EBM. Icyo gihe uhita utangira gukoresha porogaramu yawe yamaze guhuzwa na porogaramu ya EBM.

5. Inshingano z'abakoresha ikoranabuhanga mugutanga inyemezabuguzi zemewe (EBM)

✓ Abakoresha EBM bagomba kumenyesha ubuyobozi bwa RRA ako kanya mu gihe cyose ikoranabuhanga rigize ikibazo cyo kudakora uko bisanzwe, kwangirika cyangwa kwibwa kw'igikoresho kirimo EBM babinyujije kuri imeli: ebm2.installation@rra.gov.rw

✓ Abakoresha EBM bagomba kumenyesha ubuyobozi bwa RRA ako kanya mu gihe cyose bahagaritse ibikorwa byabo cyangwa se mu gihe hari ishami rifunzwe.

✓ Abakoresha EBM bagomba gushyira porogaramu yitwa anydesk ivanwa ku rubuga rwa www.anydesk.com , igashyirwa muri Mudasobwa/Tablet/ POS/PDA/Telefoni irimo EBM, kugirango boroherezе abakozi b'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro mu kubaha ubufasha hakoreshejwe iyakure.

Mukeneye ibindi bisobanuro mwahamagara ku murongo utishyurwa wa RRA 3004.

RRA Turi hano ku bwanyu ngo Tubafashe.

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
Kimihurura, KG 4 Ave 8
P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda
3004 www.rra.gov.rw @rrainfo

HERE FOR YOU
TO SERVE

RWANDA REVENUE AUTHORITY

DUSOBANUKIRWE N' UBURYO BWOROSHYE BWO GUKORESHA IKORANABUHANGA MU GUTANGA INYEMEZABUGUZI (EBM)

Nyakanga, 2021

DUSOBANUKIRWE N' UBURYO BWOROSHYE BWO GUKORESHA IKORANABUHANGA MUGUTANGA INYEMEZABUGUZI (EBM)

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro cyashyizeho uburyo bushya butandukanye bufasha abacuruzi kubahiriza amategeko mugutanga inyemezabuguzi yemewe ikozwe muburyo bw'ikoranabuhanga (EBM). Ubwo buryo ni ubu bukurikira: Porogaramu ya EBM ishyirwa muri Telefoni igendanwa (EBM Mobile application), EBM ikoreshwa k'umurongo w'ikoranabuhanga (Online EBM), Porogaramu ishyirwa muri mudasobwa (EBM2.1) n'uburyo buhuza EBM na porogaramu abasora basanzwe bakoresha mu bucuruzi bwabo iyo izo porogaramu zabo zimaze gusuzumwa zikemezwa n'ubuyobozi bw'imisoro (Online Sales Data Controller). Abasora bahitamo uburyo bujyanye n' urwego n'ubwoko bw'ubucuruzi bwabo.

Ibisobanuro kuri buri bwoko bwa porogaramu yavuzwe haruguru n'ibisabwa mu kuyikoresha ni ibi bikurikira:

1. Urashaka gukoresha Porogaramu ya EBM ishyirwa muri Telefone igendanwa?

1.1. Ugomba kuba:

- Ufite Telefone ya "Android smart phone", verisiyo ya 8.0 gusubiza hejuru, ikaba ifite ubushobozi bwo kubika amakuru ku gipimo cya 8GB gusubiza hejuru;
- Ubarirwa mu rwego rw'Abasora bato, ufite igicuruzo kitarenze miliyoni makumyabiri (20,000,000 Frw) mu gihe usaba gukoresha EBM;
- Utanditse k'umusoro kunyongeragaciro (TVA).

1.2 Ni gute wasaba Porogaramu ya EBM ishyirwa muri Telefone igendanwa?

- Intambwe ya mbere: Sura urubuga: https://myrra.rra.gov.rw, kanda ahanditse SignUp kugirango ubashe kuzuza ifishi yo kwiyandikisha, uzuzamo ibiranga usora (TIN) ukande kuri "Verify", uzuzamo ijambo banga hanyuma ukande kuri Sign up;
- Intambwe ya kabiri: koresha numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login", kanda ahanditse service request, ongera ukande ahanditse EBM2.1;
- Intambwe ya gatatu: uzuza amakuru ajyanye na banki ukoresha, reba ahanditse EBM Type uhitemo EBM Client;
- Intambwe ya kane: shyiraho ibyangombwa bikurikira:
  - Kopi y'indangamuntu ya nyir' ubucuruzi cyangwa y' umwe mu banyamigabane;
  - Icyemezo cy' iyandikishwa ry' ubucuruzi gitangwa na RDB (full registration) mu gihe ubucuruzi bwandikiwe muri RDB,
  - Inyandiko ihamya ko witeguye kwakira EBM no kuyikoresha neza, yujujwe neza iriho umukono ndetse na kashe ya nyiri sosiyete cyangwa umwe mu banyamigabane cyangwa nyir'ubucuruzi iyo ari umuntu ku giti cye, iboneka ku rubuga rukurikira: https://ebm2.rra.gov.rw/api/ConfirmForm
- Intambwe ya gatanu: kanda kuri "Send" kugirango wohereze ibyo umaze kuzuza
- Intambwe ya gatandatu: Umukozi w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro asuzuma kandi akemeza ubusabe bwawe, akanabikumenyesha vuba. Iyo utinze kubona igisubizo wasaba ubufasha ukoresheje imeli ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw

N.B:Ukeneye ibisobanuro birambuye bijyanye n'uburyo wasaba Porogaramu ya EBM ishyirwa muri Telefone igendanwa wasoma inyandiko iboneka k'urubuga rukurikira: https://ebm2.rra.gov.rw/api/guidelines.

1.3 Ni gute washyira Porogaramu ya EBM ishyirwa muri Telefone igendanwa utavuye aho uri?

- Intambwe ya mbere: Injira ku rubuga rukurikira: https://myrra.rra.gov.rw koresha numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login",
- Intambwe ya kabiri: kanda kuri iyi shusho hanyuma ujye ahanditse "Device management", hanyuma ukande ahanditse "Registration". Harafunguka akadirishya gashya. Uzuzamo Serial number na Model Number , Kuri EBM Client Software hitemo EBM2.1 Mobile Application wongere ukande ahanditse "Registration";
- Intambwe ya gatatu: kanda ahanditse download, porogaramu ya EBM urayisanga muri telefone yawe ahajya ibyavuye kuri murandasi (downloads).
- Intambwe ya kane: ukanda kuri iyo porogaramu ya EBM, ugakanda ahanditse Install hanyuma ugategereza gato. Iyo iyi porogaramu irangije kujya muri telefone ikwereka ahanditse Open ukahakanda.
- Intambwe ya gatanu: uzuzamo TIN, izina ry'ishami ry'ubucuruzi (Branch Name) andikamo 00, uzuza ahagenewe "serial number" ya telefoni yawe, hanyuma ukande ahanditse Initialize. Porogaramu ya EBM izaba igeze muri Telefone yawe ku buryo ushobora gutangira kuyikoresha.

1.4 Ni gute wamenya gukora inyemezabuguzi ukoresheje EBM yo muri Telefone?

- ✓ Ushobora kwitabira amahugurwa ategurwa akanatangwa na RRA mu buryo bw'imbonankubone cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga/ iyakure(online) mu gihe wohereje ubusabe bwawe kuri imeri ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw
- ✓ Ushobora kandi gukurikira inyigisho ku mbuga nkoranyambaga (YouTube) z'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ukandikamo ijambo "DUHUGURANE".

2. Urashaka gukoresha Porogaramu ya EBM ikoreshwa ku murongo w'ikoranabuhanga (Online EBM)?

2.1. Ugomba kuba:

- Ucuruza serivise gusa
- Ubarirwa mu rwego rw'Abasora bato kandi ukaba ufite igicuruzo kitarenze miliyoni makumyabiri (20,000,000 Frw) mu gihe usaba gukoresha EBM.

2.2 Ni gute wasaba Porogaramu ya EBM ikoreshwa ku murongo w'ikoranabuhanga (Online EBM)

- Intambwe ya mbere: Sura urubuga: https://myrra.rra.gov.rw, kanda ahanditse SignUp kugirango ubashe kuzuza ifishi yo kwiyandikisha, uzuzamo ibiranga usora (TIN) ukande kuri "Verify", uzuzamo ijambo banga hanyuma ukande kuri Sign up;
- Intambwe ya kabiri: koresha numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login", kanda ahanditse service request, ongera ukande ahanditse EBM2.1;
- Intambwe ya gatatu: uzuza amakuru ajyanye na banki ukoresha, reba ahanditse EBM Type uhitemo Online;
- Intambwe ya kane: shyiraho ibyangombwa bikurikira:
  - Kopi y'indangamuntu ya nyir' ubucuruzi cyangwa y' umwe mu banyamigabane;
  - Icyemezo cy' iyandikishwa ry' ubucuruzi gitangwa na RDB (full registration) mu gihe ubucuruzi bwandikiwe muri RDB,
  - Inyandiko ihamya ko witeguye kwakira EBM no kuyikoresha neza, yujujwe neza iriho umukono ndetse na kashe ya nyiri sosiyete cyangwa umwe mu banyamigabane cyangwa nyir'ubucuruzi iyo ari umuntu ku giti cye, iboneka ku rubuga rukurikira: https://ebm2.rra.gov.rw/api/ConfirmForm
- Intambwe ya gatanu: kanda kuri "Send" kugirango wohereze ibyo umaze kuzuza
- Intambwe ya gatandatu: Umukozi w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro asuzuma kandi akemeza ubusabe bwawe, akanabikumenyesha vuba. Iyo utinze kubona igisubizo wasaba ubufasha ukoresheje imeli ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw

2.3. Ni gute wagera kuri EBM ikoreshwa ku murongo w'ikoranabuhanga (Online EBM)

- Intambwe ya mbere: Injira ku murongo w'ikoranabuhanga ukoresheje: "Mozilla Firefox", "Google Chrome" cyangwa "Internet explorer";
- Intambwe ya kabiri: Sura urubuga: https://myrra.rra.gov.rw, shyiramo numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login". Uhita ugera kuri porogaramu ya EBM ukaba watangira kuyikoresha.

2.4. Ni gute wamenya gukoresha Porogaramu ya EBM ikoreshwa ku murongo w'ikoranabuhanga (Online EBM)

- ✓ Ushobora kwitabira amahugurwa ategurwa akanatangwa na RRA mu buryo bw'imbonankubone cyangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga/iyakure(online) mu gihe wohereje ubusabe bwawe kuri imeli ikurikira: ebm2.installation@rra.gov.rw
- ✓ Ushobora kandi gukurikira inyigisho ku mbuga nkoranyambaga (YouTube) z'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro ukandikamo ijambo "DUHUGURANE".

Icyitonderwa: Irinde guha ijambo banga undi muntu cyangwa se ngo usige udafunze konti yawe ku murongo w'ikoranabuhanga rya EBM igihe urangije kuyikoresha.

3. Gukoresha porogaramu ya EBM ishyirwa muri mudasobwa (EBM2.1 software)

3.1 Ugomba kuba:

- Ubarirwa mu rwego rw' Abasora banini cyangwa abaciriritse
- Ubarirwa mu rwego rw'Abasora bato
- Wanditse cyangwa utanditse ku musoro ku nyongeragaciro (VAT)

3.2 Ugomba kugira:

Mudasobwa / Tablet /POS/PDA ifite sisitemu ya Windows 10 kuva kuri verisiyo 10.0.17 kuzamura cyangwa Android 8.0 kuzamura.

Icyitonderwa: Ibikoresho bifite porogaramu ya MAC ntabwo byakira iyi porogaramu ya EBM.

3.3. Ni gute wasaba Porogaramu ya EBM ishyirwa muri mudasobwa/ Tablet / POS/PDA?

- Intambwe ya mbere: Sura urubuga: https://myrra.rra.gov.rw, kanda ahanditse SignUp kugirango ubashe kuzuza ifishi yo kwiyandikisha, uzuzamo ibiranga usora (TIN) ukande kuri "Verify", uzuzamo ijambo banga hanyuma ukande kuri Sign up;
- Intambwe ya kabiri: koresha numero iranga usora n' ijambo banga hanyuma ukande "Login", kanda ahanditse service request, ongera ukande ahanditse EBM2.1;
- Intambwe ya gatatu: uzuza amakuru ajyanye na banki ukoresha, reba ahanditse EBM Type uhitemo EBM Client;
- Intambwe ya kane: shyiraho ibyangombwa bikurikira: